CHRISTIAN PEOPLE FOR HUMANITARIAN ACTION
(CPHA-Rwanda)
Tél/0788649808. 0785342219

Bwana Ministiri w'Ubutabera
Kigali

Impamvu : **Gusaba guhinduriwa ibagize ingingo ya 3 y'iteka rya Ministiri N° 027/11 ryo kuwa 21/03/2005 riha ubuzima gatozi umuryango CPHA-Rwanda**

Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutabera,

Kumpamvu z'ibyemezo byafashwe n'inama rusange idasanzwe yo kuwa 16/12/2011 zijyanye n'impinduka munzego z'ubuyobozi za CPHA-Rwanda, tunejejwe no kubagezaho amazina y'abayobozi bashya tunabasaba ko mwahindura ingingo ya 3 y'iteka rya Minisitiri N°027/11 ryo kuwa 21/03/2005 riha ubuzima gatozi umuryango "CHRISTIAN PEOPLE FOR HUMANITARIAN ACTION" (CPHA-Rwanda).

Abo bayobozi bakaba baratowe muburyo bukurikira :

- Représentant Légal

  Madame MUHONGAYIRE Anitha

- 1ère Représentant Légal Suppléant

  Monsieur NDAYIZEYE Déo

- 2ème Représentant Légal Suppléant

  Madame KAGOYIRE Jeanne

Ubundi busobanuro burambuye murabusanga kumugereka w'iyi baruwa.

Mugihe tugitegereje igisubizo cyanyu cyiza, tubaye tubashimiye ubufatanye mudahwema kutugaragariza.

Bikorewe, Kigali kuwa 12/01/2012

MUHONGAYIRE Anitha

Présidante

Bimenyeshejwe:

- Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu (MINALOC)

INYANDIKO MVUGO Y'INAMA RUSANGE IDASANZWE YA CPHA-RWANDA

YO KUWA 16/ 12/2011

Inama yatangiye saa kumi nimwe z'umugoroba (16h), hari:

ABANYAMURYANGO

- NDAYIZEYE Déo

- NDAYISHIMIYE Japhet-Legentil

Uhagarariwe na NDAYIZEYE Déo

-KAGOYIRE Jeanne

-Anne Marie NDAYISHIMIYE

Uhagarariwe na KAGOYIRE Jeanne

ABATUMIRWA

- KIMENYI Burakari ; **Intumwa y'Akarere ka Gasabo**

-MUHONGAYIRE Anitha

-NIYIRORA Vénantie

-MUKOBANYA Dina Liliane

Ku murongo w'ibyigwa

- **Kwakira abanyamuryango bashya**
- **Kwiga kukibazo cy'abanyamuryango bateshutse kunshingano zabo no kugifatira ibyemezo**
- **Gushiraho inzego z'ubuyobozi**
- **Guhabwa ububashya**

Kwakira abanyamuryango bashya

Abari mu nama bamaze gusomerwa amabaruwa yabasabye kuba abanyamuryango ba CPHA-Rnda, habaye kubaha umwanya kugirango basobanure ingamba bafitiye umuryango, biza kugaragara ko bafite ubushake n'ubufatanye mukugera kuntego z'umuryango wa CPHA-Rnda nyuma baza guhabwa ikaze hanemezwa ko MUHONGAYIRE Anitha , MUKOBANYA Dina Liliane na NIYIRORA Vénantie babaye abanyamuryango bashya ba CPHA-Rnda hisunzwe ingingo ya 7 y'amategeko agenga umuryango CPHA-Rwanda.

Kwiga kukibazo cy'abanyamuryango bateshutse kunshingano zabo no kugifatira ibyemezo

Abari munama babanje kugezwaho amavu n'amavuko y'ikibazo na NDAYIZEYE Déo Secrétaire Général wa CPHA Rnda abisabwe na Vice Présidente KAGOYIRE Jeanne, abari munama bamaze kubona ko abayobozi ba CPHA-Rwanda aribo UWAMBAYE Penina Présidente na MBABAZI Janne Vice Présidente wakabiri boherejwe mubutumwa bw'akazi I Atlanta muri Amerika ntibasohoza ubutumwa bagahitamo kwigumira mumahanga batanabisabye abanyamuryango, bamaze kubona ko abanyamuryango NJANGWE Théoneste wari trésorier, UHIRIWE Chantal Commissaire Générale, NIRORA Chresence na UWAMBAYE Thérèse nabo bataye umuryango bakigira muzindi gahunda batabimenyesheje abanyamuryango ubu abo bose hakaba hashyize imyaka 6 ntamakuru yabo, abari munama bamaze kwiga no gusesengura imiterere yicyo kibazo, bafashe icyemezo cy'uko abari abayobozi babaye abanyamuryango, inama rusange itaha nibatayitabira bazavanwaho icyizere burundu.

Gushiraho inzego z'ubuyobozi

Abari mu nama bamaze kuganira kumateka ya CPHA-Rnda cyane cyane kubari abayobozi bayo bayitereranye bakigira mumahanga ubu hashyize imyaka itandatu (6) ntamakuru yabo, ibyo bikaba byaratumye umuryango usubira inyuma nabamwe mubanyamuryango bagatatana, abari munama basanze ari ibyihutirwa ko habaho gusimbura ubuyobozi bucuye igihe dore ko bwanahemukiye umuryango. Abanyamuryango bahise bakurikizaho igikorwa cy'amatora hisunzwe ingingo ya 16, 17, 18, 22 niya 23 z'amategeko agenga umuryango maze hafatwa umwanzuro muburyo bukurikira:

MUHONGAYIRE Anitha atorwa nka Présidente wa CPHA-Rnda n'amajwi 6/7 by'abitabiriye inama

NDAYIZEYE Déo atorwa nka 1ère Vice Président wa CPHA-Rnda n'amajwi 6/7 By'abitabiriye inama

KAGOYIRE Jeanne nka 2ème Vice Présidente wa CPHA-Rnda n'amajwi 6/7 by'abitabiriye inama

Hanatowe n'umubitsi akaba ari NIYIRORA Venantie n'amajwi 6/7 by'abitabiriye inama, hanatorwa n'umwanditsi nawe akaba ari MUKOBANYA Dina Liliane n'amajwi 6/7 by'abitabiriye inama.

Guhabwa ububashya

Kubijyanye no gucunga umutungo wa CPHA-Rnda muma banki, hemejwe ko NDAYIZEYE Déo azajya asinyana n'umwe hagati ya MUHONGAYIRE Anitha na KAGOYIRE Jeanne.

Hemejwe kandi ko NDAYIZEYE Déo ahabwa indi nshingano yo kuba Cordinateur National wa CPHA-Rwanda murwego rwo kunoza imikorere y'umuryango kubera ubumenyi n'uburambe abifitemo.

Inama yarangiye hagaragara kwishimira impinduka mumuryango maze Perezida musha yizeza abitabiriye inama ubufatanye busesuye muri gahunda zose z'umuryango wa CPHA-Rnda.

Inama yarangiye 18h10

Abitabiriye inama :

- NDAYIZEYE Déo

- NDAYISHIMIYE Japhet-Legentil

Uhagarariwe na NDAYIZEYE Déo

-KAGOYIRE Jeanne

-NKURIKIYE Anne Marie NDAYISHIMIYE

Uhagarariwe na KAGIYIRE Jeanne

-MUHONGAYIRE Anitha

-NIYIRORA Vénantie

-MUKOBANYA Dina Liliane

UMUTUMITWA

- KIMENYI Burakari ; **Intumwa y'Akarere ka Gasabo**

Umwanditsi : NDAYIZEYE Déo